4. Polisi y'u Rwanda izirikana kandi ikubaha agaciro k'ubuzima bwa muntu n'uburenganzira bw'abaturage kugira ngo bagire umutekano hamwe n'ibyo batunze. Abapolisi bagomba gukora ibishoboka byose mu kubungabunga ubusugire bw'ubuzima bwa muntu mu bihe byose. Umurongo ngenderwaho wa

Polisi y'u Rwanda ni uko abapolisi bagomba gukora uko bashoboye kose bakuzuza inshingano zabo badakoresheje imbaraga ndetse ko ikoreshwa ry'imbaraga ryemerwa gusa iyo biri ngombwa ko zikoreshwa kandi ubundi buryo bukaba bwananiranye cyangwa butatuma ikigenderewe kigerwaho.

5. Abapolisi bagomba gukoresha imbaraga nke zishoboka, zishyize mu gaciro, ziri ngombwa, kandi ziri mu rugero hakurikijwe ibirimo kuba kugira ngo bagere ku ntego ishingiye ku mategeko. Gukoresha imbaraga zica ni icyemezo gifatwa nyuma y'ibindi byose mu gihe ubundi buryo bwose bwageragejwe ntibugere ku ntego cyangwa bukaba budashobora gutuma hagerwa ku kigamijwe. Ku birebana no gukoresha imbaraga, Polisi y'u Rwanda ikomeye ku ihame ryo gukoresha uko bikwiye imbaraga no kwemera ko abapolisi batabyubahirije babibazwa kandi byose bigakorwa mu buryo buciye mu mucyo.

IBISOBANURO BY'AMAGAMBO

6. Muri aya mabwiriza ngengamikorere, amagambo akurikira asobanura:

- a. **Imbaraga.** Uburyo ubwo aribwo bwose bushingiye ku ngufu z'umubiri nko gukora ku muntu, gukoresha intwaro, gukoresha uburyo bubuza umuntu gukoresha imbaraga ze z'umubiri uko abishaka, bukoreshejwe ku muntu kubera impamvu zishingiye kw'iyubahirizwa ry'amategeko, by'umwihariko hagamije gushyirisha mu bikorwa amabwiriza.
- b. **Ikoreshwa ry'imbaraga.** Gukoresha ubuhanga bushingiye ku ngufu z'umubiri, ibinyabutabire cyangwa intwaro ku wundi muntu kubera impamvu zishingiye kw'iyubahirizwa ry'amategeko. Ntibiyitwa gukoresha imbaraga mu gihe umuntu ubwe yemeye gusakwa, kujyanwa, kwambikwa amapingu cyangwa gufungwa.
- c. **Imbaraga zica.** Ubwoko bw'imbaraga zishobora gutera urupfu cyangwa zikoreshwa bizwi neza ko ziza gutuma habaho gutakaza ubuzima.
- d. Imbaraga zitica: Ingano y'imbaraga iyo zikoreshejwe mu bihe bisanzwe zishobora gutera gukomereka k'umubiri ariko ntizibe zatera gukomereka bikaje cyangwa urupfu.
- e. **Intwaro.** Ikintu cyose gikoreshwa, cyakorewe cyangwa cyateganyirijwe gukoreshwa mu kwica cyangwa gukomeretsa umuntu, cyangwa kigakoreshwa mu gukanga cyangwa gutera ubwoba umuntu.
- f. **Intwaro zica.** Intwaro zagenewe kwica cyangwa mu gihe zikoreshejwe nk'ibirwanisho zikaba zatera urupfu cyangwa zigakomeretsa umubiri mu buryo bukabije.
- g. **Intwaro zitica.** Intwaro izo arizo zose zagenewe kwitabazwa mu gihe hakoreshwia imbaraga ariko zidashobora kwica.

- h. **Imbunda.** Intwaro iyo ariyo yose ifite umunwa ishobora kurasa isasu cyangwa misire.
- i. **Ibikoresho byifashishwa mu kuba umuntu gukoresha imbaraga ze z'umubiri uko abishaka.** Ibikoresho byitwazwa nk'amapingu byakorewe guhagarika cyangwa kuba umubiri w'umuntu wose cyangwa ibice byawo kuva mu byimbo.
- j. **Kugena urugero rw'imbaraga.** Kugena urugero rw'imbaraga bisobanura ko ingaruka zigera ku muntu zigomba kungana n'igipimo cy'uburemere bw'inyungu rusange ikoreshwa ry'imbaraga rigamije guharanira.
- k. **Kuba ngombwa.** Kuba ngombwa bivuze ko nta bundi buryo bushoboka bwasimbura ikoreshwa ry'imbaraga kandi ko ingano y'imbaraga zakoreshejwe zishyize mu gaciro kugira ngo hagerwe ku ntego ikurikije amategeko yari igambiriwe.
- l. **Kugabanya ubukana bw'ikibazo.** Uburyo bukoreshwa n'abapolisi, igihe bwizewe kandi bushoboka badatandukiriye inshingano y'ibanze y'iyubahirizwa ry'amategeko, bugamije gukumira ingorane zajyaga kuba, kugabanya ibyajyaga gutuma biba ngombwa gukoresha imbaraga mu kibazo cyabaye kandi bikaba byanatera umuntu kubahiriza ibyo asabwa ku bushake bwe.
- m. **Kuba ikintu gishyize mu gaciro.** Ubucukumbuzi bugenzura niba igikorwa gishyize mu gaciro bureba niba ibyakozwe n'umupolisi bigaragarira buri wese ko bishyize mu gaciro hashingiwe ku byabaye, hatitawe ku mugambi cyangwa icyabimuteye.
- n. **Impamvu zishize mu gaciro.** Impamvu zishize mu gaciro ni amakuru cyangwa ibikorwa biha umupolisi wahuguwe ishingiro ryo gutekereza ko umuntu ashobora kumukomeretsa ku mubiri bikagije cyangwa kumwica cyangwa akabikorera abandi.
- o. **Kubabaza umubiri bikomeye.** Kubabaza umubiri gushobora gutera urupfu, ububabare bukabije bw'umubiri, guhinduka kw'isura bigaragara kandi by'igihe kirekire, gutakaza cyangwa kumugara by'igihe igice cy'umubiri, urugingo cyangwa ubwenge.
- p. **Kurasa bigamije kuburira.** Kurasa isasu hagamijwe kuburira cyangwa gukanga ukekwaho icyaha igihe hari icyo arimo gukora adakwiye kugikora cyangwa atari gukora icyo yagakwiye gukora.

AMAHAME AGENGA IKORESHWA RY'IMBARAGA

7. **Amahame rusange.** Amahame rusange akurikira agenga abapolisi mu ikoreshwa ry'imbaraga:
- a. Ikoreshwa ry'imbaraga iryo ari ryo ryose rigomba gushingira ku mategeko, hagakoreshwa imbaraga ziri mu rugero, za ngombwa kandi uwazikoresheje akaba ashobora kubibazwa.

b. Buri gihe, abapolisi bagomba kwirinda gukoresha imbaraga. Bagomba gushaka uko bakemura ikibazo icyo aricyo cyose hakoreshejwe ubundi buryo budasaba imbaraga, nko gufasha umuntu guhindura imyumvire, kumvikana no kugabanya ubukana bw'ikibazo. Ku bw'ibyo, bagomba gukoresha uko bishoboka kose uburyo budahutaza ubuzima bw'abantu mbere yo gukoresha imbaraga n'imbunda. Imbaraga n'imbunda bikoreshwa gusa igihe ubundi buryo bwananiranye cyangwa butizewe ko bwagera ku kigamijwe.

c. Umupolisi wese uri kumwe n'undi kandi akaba abona mugenzi we akoresha imbaraga z'umurengera, iyo bishoboka kandi nta ngaruka kuri we, agomba kubimubuza. Abapolisi bagomba guhita baha umuyobozi ubakuriye raporo y'ibyo babonye.

8. **Ikoreshwa ry'imbunda.** Igihe cyose bibaye ngombwa ko imbunda zikoreshwa mu buryo bwemewe n'amategeko, umupolisi agomba kwifata mu gukoresha imbaraga kandi agakora ibijyanye n'uburemere bw'icyaha n'intego igamijwe kugerwaho mu iyubahirizwa ry'amategeko.

9. Imbunda ifatwa nk'ikoreshejwe mu gihe:

- ikuwe mu bubiko bwayo iyo yambawe;
- itunzwe undi muntu;
- irashishijwe mu bihe ibyo ari byo byose, bigambiriwe cyangwa bitagambiriwe;
- irashishijwe umuntu mu rwego rwo kwitabara cyangwa gutabara undi muntu, byatera cyangwa ntibitere urupfu cyangwa ibikomere.

10. Imbunda ntizigomba gukoreshwa ku bantu uretse mu rwego rwo kwitabara cyangwa gutabara abandi icyago kibugarije gishobora gutera urupfu cyangwa ibikomere bikomeye, mu gukumira icyaha gikomeye kandi gishyira ubuzima bw'abantu mu kaga, gufata umuntu uri guteza ingorane nk'izo kandi akaba yanga gukora ibyo ategetswe, kumubuza gucika, cyangwa kurinda umutungo, kandi mu gihe gusa uburyo bworoheje budahagije mu kugera ku ntego, hapfa gusa gukoreshwa imbaraga ziri mu rugero.

11. Umupolisi agomba gusobanura impamvu ya buri sasu ryarashwe. Ikoreshwa ry'imbunda rigomba kubanzirizwa no kwihanangiriza mu mvugo aho bishoboka, no kurasa bigamije kuburira.

12. **Ikoreshwa ry'imbaraga zica:** Umupolisi agomba kugendera kuri ibi bikurikira mu gufata icyemezo cyo gukoresha imbaraga zica:

- Ubushobozi.** Kuba umuntu afite ubushobozi bwo gusohoza umugambi we wo kwica cyangwa gukomeretsa umubiri bikabije.
- Uburyo.** Kuba umuntu ari hafi gukora igikorwa agambiriye ndetse ari mu mwanya watuma abasha gukora icyo igikorwa cyateza ingorane.

- c. **Umugambi.** Icyemezo umuntu yafashe cyo gukora igikorwa gishobora gutera undi muntu gukomereka bikomeye cyangwa urupfu.
13. Imbaraga zica zishobora gukoreshwa gusa igihe zikenewe cyane kandi uburyo bwose bworoheje bukaba ntacyo bwashoboye kugeraho cyangwa bukaba budashobora gukoreshwa. Umupolisi ashobora gukoresha imbaraga zica mu gihe cyo:
- kwitabara mu byago bimwugarije bishobora gutera urupfu cyangwa gukomeretsa umubiri bikomeye;
 - kuburizamo ikorwa ry'icyaha cy'ubugome gishyira ubuzima bw'abantu mu kaga cyangwa gishobora gutera gukomereka k'umubiri gukomeye;
 - guhangana n'umuntu witwaje intwaro zashyira ubuzima bw'abantu mu kaga cyangwa azikoresha mu iterabwoba;
 - gufata umuntu witwaje intwaro cyangwa kumubuza gucika cyangwa bigaragara ko yateza ibyago by'urupfu cyangwa gukomeretsa umubiri bikomeye ku mupolisi cyangwa abandi aramutse adafashwe bwangu;
 - kurinda umutungo cyangwa ibikorwa remezo ashinzwe kurinda mu gihe ubundi buryo butica ntacyo bwashoboye kugeraho kandi yakoresheje imbaraga ziri mu rugero.
14. **Ikoreshwa ry'imbaraga igihe cyo gufata umuntu.** Iyo abapolisi bagiye gufata umuntu mu buryo bukurikije amategeko akanga gufatwa, ntibagomba gusubira inyuma cyangwa kureka kumufata. Mbere yo gufata umuntu, hari ibintu byinshi bigomba kwitabwaho mu gufata umwanzuro ku ngufu zikenewe kandi zikwiranye n'ikigenderewe:
- ibyo umuntu akurikiranweho cyangwa aregwa;
 - imyitwarire y'umuntu izwi;
 - kuba yitezweho cyangwa azwiho kwanga gufatwa;
 - kuba yitezweho kuba afite intwaro;
 - kuba yarigeze gufatwa cyangwa guhamwa n'ibyaha, niba byarabayeho;
 - Imyifatire ye igihe yahuye na Polisi mbere, by'umwihariko niba yaragize urugomo;
 - aho umuntu agomba gufatirwa;
 - kuba hari abandi bantu bashobora kuba bari ahafatirwa umuntu, n'ibibazo bishobora guterwa n'abo bantu;
 - ingamba zo kugabanya ibyago byo gukomereka k'ufatwa, kw'abandi bashobora kuba bahari n'ukw'abapolisi.
15. Gukoresha imbaraga n'imbunda mu buryo bwemewe n'amategeko mu gihe cyo gufata abakurikiranyweho ibyaha bigomba kuba uburyo bwitabazwa nyuma y'ubundi bwose, kandi bugakoreshwa gusa mu biri ngombwa ko uwo muntu afatwa.

16. Iyo bibaye ngombwa gukoresha imbaraga, hakoreshwa imbaraga ziri mu rugero kandi imbunda igakoreshwa gusa mu gufata umuntu ugaragaza ko agiye guteza amakuba yavamo urupfu cyangwa gukomeretsa umubiri bikomeye; mu gukumira ikorwa ry'icyaha gikomeye cyashyira ubuzima bw'abantu mu kaga, ibi kandi biba mu gihe uburyo byoroheje butashoboraga kugera ku ntego yo gufata umuntu.

17. Iyo umuntu afashwe nyuma y'uko hakoreshejwe imbaraga, hakorwa raporo y'uko ubuzima bwe buhagaze akigezwa ahafungirwa abantu, hakagaragazwa ibikomere, ibisebe, ibindi byerekana gukomereka byagaragaye cyangwa we ubwe agaragaza.

INTWARO N'IBIKORESHO BYEMEWE MU IKORESHWA RY'IMBARAGA

18. Intwaro n'ibikoresho bikurikira byemerewe gukoreshwa n'abapolisi ba Polisi y'u Rwanda:

- a. indembo;
- b. ingabo;
- c. amapingu;
- d. bariyeri;
- e. ibyuka biryana mu maso;
- f. imodoka zimisha amazi mu bantu;
- g. ibirashisho bica umuntu intege;
- h. amasasu akoze muri plasitiki;
- i. imbunda.

IBIBUJJWE MU IKORESHWA RY'IMBARAGA

19. Imbaraga ntizigomba gukoreshwa:

- a. mu kwihorera;
- b. ku bantu bahanganye n'abapolisi mu mvugo gusa, uretse igihe iyo imvugo ibangamira cyangwa ishobora kubangamira umurimo wemewe ujyanye n'iyubahirizwa ry'amategeko, cyangwa yumvikanamo amagambo y'iterabwoba adasanzwe aganisha ku kugirira nabi abapolisi cyangwa abandi bantu;
- c. mu gushaka amakuru ayo ari yo yose, guhatira umuntu kwemera ibyabaye cyangwa kwemera icyaha;
- d. ku bantu b'abanyantenge nke, uretse igihe ibikorwa byabo bigomba guhagarikwa ngo hirindwe ko bakwikomeretsa cyangwa bagatakaza ubuzima;

- e. ku bantu cyangwa amatsinda hashingiwe ku ivangura iryo ari ryo ryose;
- f. ku muntu wafashwe cyangwa wambitswe amapingu keretse igihe imbaraga ari ngombwa:
 - (1) mu gukumira igikorwa gikomeretsa umubiri kigiye gukorera umupolisi cyangwa undi muntu;
 - (2) mu kuganza umuntu ufite amahane akomeye;
 - (3) mu kujyana umuntu wanga gukora ibyo ategewe ariko adahangana.

20. Birabujije kandi:

- a. kwifashisha imbwya zikoreshwa mu kazi ka polisi mu gutuma imfungwa zubahiriza ibyo zisabwa cyangwa hagamijwe kuzitera ubwoba;
- b. kuniga umuntu keretse mu bihe amategeko yemera gukoresha imbaraga zica;
- c. gukubita umuntu indembo ku bushake mu mutwe, mu maso, mu kiziba cy'inda, mu nda, mu ijos, mu mpyiko cyangwa ku ruti rw'umugongo;
- d. gukubita imfungwa igihe kuyifatisha amaboko cyangwa kuyisunika byashoboraga gutanga igisubizo cyifuzwa;
- e. gukoresha imbaraga ku mfungwa itakurwanya;
- f. gufungira imfungwa ku bikoresho bifashe ahantu bitakorewe gufungirwaho abantu;
- g. gukoresha imbaraga kugira ngo umuntu yubahirize ibyo asabwe bidakurikije amategeko;
- h. Gukora ibikorwa, gukoresha uburyo cyangwa imvugo byongera ubukana bw'ikibazo ku buryo bituma biba ngombwa gukoresha imbaraga;
- i. Gukoresha intwaro zitica cyangwa amasasu yica ku muntu uri mu kivunge, mu gihe ubona ko ibyago byo kurasa undi muntu aribyo byinshi kurusha kuba ari ngombwa gufata ukurikiranywe cyangwa kuba yafatwa.
- j. gukoresha imbaraga zica ku muntu wese ukangisha kwiyahura cyangwa kwikomeretsa igihe uwo muntu nta byago yatera abandi bantu;
- k. kwitwaza cyangwa gukoresha intwaro iyo ari yo yose itemewe na Polisi y'u Rwanda. Ingero z'intwaro zitemewe zirimo: umupanga, icyuma, inkoni ibonetse yose. Icyakora, ibyumabihinwa bikabikwa mu mufuka (bigira igice gikata kitarengeje santimetero 10) bishobora kwitwazwa ngo byifashishwe mu buryo butandukanye.

IKIGERO CY'IMBARAGA ZIKORESHWA N'UMUPOLISI IYO UMUNTU YANZE KUMVIRA

21. **Ibyiciro byo kwanga kumvira.** Mu kazi ke ka buri munsi, umupolisi akwiye kwitega guhura n'abantu bashobora kwanga kumvira mu buryo bukurikira:

- a. **Kwanga kumvira ariko nta guhangana.** Umuntu wanze kumvira mu buryo bw'имвого cyangwa ibikorwa ibyo asabwe n'umupolisi bikurikije amategeko, byatera umupolisi gukoresha imbaraga z'umubiri kugira ngo atume umuntu akora ibyo asabwa (urugero: kwanga kuva ahantu no kwanga kumvira ibyo asabwe bikurikije n'amategeko).
- b. **Kwanga kumvira biherekejwe n'ibikorwa byo guhangana.** Imyitwarire irimo guhangana n'umupolisi hakoreshejwe imbaraga z'umubiri bikaba byatera ingaruka zo gukomereka k'umupolisi, k'uwo muntu cyangwa abandi bantu.
- c. **Kurwanya umupolisi.** Ibikorwa cyangwa imyitwarire byeruye byakwangiza umubiri, byatera ububabare cyangwa gukomereka, uburwayi cyangwa ubumuga ku mupolisi cyangwa abandi bantu.
- d. **Kurwanya umupolisi bishobora kumuviramo urupfu cyangwa gukomereka bikomeye.** Umuntu ukora ibikorwa by'urugomo bigamije kurwana akoresheje cyangwa adakoresheje intwaro, biha ishingiro umupolisi ryo gutekereza ko uwo muntu agamije kandi afite ubushobozi bwo kwica cyangwa gukomeretsa bikomeye umupolisi cyangwa abandi bantu.

22. **Ikigero cy'imbaraga zikoreshwa n'umupolisi**

- a. **Kugaragara k'umupolisi.** Kuboneka k'umupolisi yambaye imyenda ya polisi kandi adafite imyitwarire itera ubwoba bica intege ikorwa ry'icyaha ndetse bigahosha ikibazo.
- b. **Gutanga ubutumwa.** Umupolisi agomba gutanga amabwiriza arimo ituze ndetse atarimo iterabwoba, nko gutanga ibitekerezo, inama, amabwiriza asubirwamo bijyana no kugaragaza mu maso icyo ashaka, uburyo ahagararamo, kureba uwo abwira mu maso ndetse rimwe na rimwe agakoresha amabwiriza magufi nka "hagarara", "wiva aho uri" agerageza gutuma umuntu amwumvira.
- c. **Gukoresha imbaraga z'umubiri ku muntu kugira ngo akore ibyo asabwa.** Umupolisi akoresha imbaraga kugira ngo umuntu yubahirize ibyo asabwa gukora. Ibi bishobora gukorwa hifashishijwe ubuhanga bworoheje n'ubukomeye bwo gufata umuntu.



- d. **Gukoresha imbaraga zitica.** Umupolisi akoresha ibikoresho by'imbaraga zitica kugira ngo umuntu yubahirize ibyo asabwa gukora; nk'indembo, ibinyabutabire bimishwa, ibirashisho bica abantu intege, ibyuka biryana mu maso, n'ibindi.
- e. **Gukoresha imbaraga zica.** Imbaraga zica zikoreshwa gusa iyo hari impamvu zikomeye zitera kumva ko umuntu ashobora kwica cyangwa gukomeretsa bikomeye umupolisi cyangwa undi muntu.
23. Ikigerocyokumvira cyangwa kwanga kumvira amabwiriza nicyo gishingirwago mu kugena imbaraga zikoreshwa n'umupolisi. Abapolisi bagomba gukoresha imbaraga ziri mu rugero, nk'uko bigaragazwa mu mbonerahamwe ikurikira:

IBIKORWA BY'UMUNTU N'UKO UMUPOLISI ABYIFATAMO

IBIKORWA BY'UMUNTU	UKO UMUPOLISI ABYIFATAMO
<u>Umuntu wumvira ibyo ategetswe.</u> Umuntu wubahiriza ibyo asabwe adahanganye cyangwa ngo akoreshe ibikangisho	Kuboneka k'umupolisi yambaye imyambaro ya Polisi kandi yitwaye mu buryo budatera ubwoba abamubona
<u>Kwanga kumvira ariko nta guhangana.</u> Umuntu wanze kumvira mu buryo bw'invugo cyangwa ibikorwa ibyo asabwe n'umupolisi mu buryo bukurikije amategeko, byatera umupolisi gukoresha imbaraga z'umubiri kugira ngo atume umuntu akore ibyo asabwa gukora (urugero: kwanga kuva ahantu no kwanga kumvira ibyo asabwe bikurikije n'amategeko).	<p><u>Gutanga ubutumwa.</u> Umupolisi agomba gutanga amabwiriza arimo ituze ndetse atarimo iterabwoba, nko gutanga ibitekerezo, inama, amabwiriza asubirwamo bijyana no kugaragaza mu maso icyo ashaka, uburyo ahagararamo, kureba uwo abwira mu maso ndetse rimwe na rimwe agakoresha amabwiriza magufi nka "hagarara", "wiva aho uri" agerageza gutuma umuntu amwumvira.</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gusaba ubufasha bw'abandi bapolisi
<u>Kwanga kumvira biherekejwe n'ibikorwa byo guhangana.</u> Imiyitwarire irimo guhangana n'umupolisi hakoreshejwe imbaraga z'umubiri bikaba byatera ingaruka zo gukomereka gukomereka k'umupolisi, k'uwo muntu cyangwa abandi bantu (urugero: Gusunika umupolisi)	<p><u>Gukoresha imbaraga z'umubiri ku muntu kugira ngo akore ibyo asabwa.</u> Umupolisi akoresha imbaraga kugira ngo umuntu yubahirize ibyo asabwa gukora. Ibi bishobora gukorwa hifashishijwe ubuhanga bworoheje n'ubukomeye bwo gufata umuntu</p>
<u>Kurwanya umupolisi.</u> Ibikorwa cyangwa imiyitwarire byeruye byakwangiza umubiri, byatera ububabare cyangwa gukomereka, uburwayi cyangwa ubumuga bw'umubiri ku mupolisi cyangwa abandi bantu.	<p><u>Gukoresha imbaraga zitica.</u> Umupolisi akoresha ibikoresho by'imbaraga zitica kugira ngo umuntu yubahirize ibyo asabwa gukora; nk'indembo, ibinyabutabire bimishwa, ibirashisho bica abantu intäge, ibyuka biryana mu maso, n'ibindi.</p>
<u>Kurwanya umupolisi bishobora kumuviramo urupfu cyangwa gukomereka bikomeye.</u> Umuntu ukora ibikorwa by'urugomo bigamije kurwana akoresheje cyangwa adakoresheje intwaro, bituma umupolisi acyeka ku buryo bwumvikana ko uwo muntu agamije kandi afite ubushobozzi bwo kwica cyangwa gukomeretsa bikomeye umupolisi cyangwa abandi bantu	<p><u>Gukoresha imbaraga zica.</u> Imbaraga zica zikoreshwa gusa iyo hari impamu zikomeye zitera kumva ko umuntu ashobora kwica cyangwa gukomeretsa bikomeye umupolisi cyangwa undi muntu.</p>

IBISHINGIRWAHO MU KUGENA IMBARAGA ZIRI MU RUGERO KANDI ZISHYIZE MU GACIRO

24. Mu kugena niba ari ngombwa gukoresha urugero runaka rw'imbaraga no gusesengura niba umupolisi yakoresheje imbaraga zikwiye, hari ibigomba gushingirwaho: Bimwe mu bishingirwaho ni ibi bikurikira:

- a. **Ibifitanye isano n'umuntu ugomba gukoreshwaho imbaraga.**
 - (1) uburemere bw'icyaha cyakozwe;
 - (2) uko uwo muntu angana;
 - (3) ubushobodzi bw'umubiri uwo muntu agaragaza;
 - (4) intwaro uwo muntu yitwaje cyangwa ashobora kubona bimworoheye;
 - (5) urugomo ruzwi uwo umuntu yaba yarakoze;
 - (6) uko ubuzima bwe buhagaze, ubuzima bwo mu mutwe no kuba yanyoye inzoga cyangwa ibiyobyabwenge;
 - (7) umubare w'abantu bahari barebwa cyangwa bashobora kwinjira mu kibazo.

- b. **Ibifitanye isano n'uko ibintu bimeze**
 - (1) Ingano, ubushobodzi n'ubuhanga by'umupolisi mu kwirinda;
 - (2) Umubare w'abapolisi bahari;
 - (3) Kuba hari inzirakarengane cyangwa abashobora kubigirimamo ingaruka;
 - (4) Intwaro cyangwa ibikoresho umupolisi ashobora kwifashisha mu kubiza umuntu gukoresha imbaraga ze z'umubiri uko ashatse;
 - (5) Kuba umuntu ashobora gufatwa nyuma yaho;
 - (6) Impamvu zishingiye kubimukikije;
 - (7) Kuba ibimenyetso bishobora kwangirika.

- c. **Ibindi bishingirwaho**
 - (1) Ibyo amategeko ateganya;
 - (2) Umurongo ngenderwaho wa Polisi y'Igihugu.

IKORESHWARY'IMBARAGA MU GUCUNGA IMFUNGWA

25. **Amabwiriza rusange.** gucunga imfungwa bigenwa n'amabwiriza rusange akurikira:

- a. Abapolisi, mu mibanire yabo n'abantu bafunzwe, ntibagomba gukoresha imbaraga uretse gusa igihe biri ngombwa mu rwego rwo kugarura umutekano n'ituze ndetse n' igihe hari umutekano w'umuntu ubangamiwe;

- b. Mbere yo gukoresha imbaraga abapolisi bagomba kugerageza uko bashoboye kugira ngo imfungwa zubahirize ibyo zisabwa ku bushake;
- c. Abapolisi ntibagomba gukoresha imbunda, uretse igihe birinda cyangwa barinda abandi urupfu cyangwa gukomereka bikomeye, cyangwa igihe ari ngombwa gukumira itoroka ry'umuntu ufunzwe ushobora gushyira mu kaga ubuzima bw'umupolisi cyangwa abandi bantu;
- d. Imbaraga zose zikoreshwu ku mfungwa zigomba guhita zihagarikwa igihe ufunzwe atagitera amahane.

26. Abapolisi ntibagomba gukoresha imbaraga zica ku muntu uhunga cyangwa ugerageza gutoroka uretse:

- a. Igihe hari impamvu zikomeye zitera gutekereza ko umuntu yakoze cyangwa ari gukora icyaha cy'ubugome cyatera cyangwa kigamije gutera urupfu cyangwa gukomeretsa umubiri bikomeye;
- b. Igihe uwo muntu aramutse ahunze cyangwa agatoroka ashobora guteza urupfu cyangwa gukomeretsa umubiri bikomeye ku mupolisi cyangwa abandi bantu abaye adafashwe;
- c. iyo abapolisi babanje kwigaragaza nk'abapolisi bakagaragaza ko bari bukoreshhe imbaraga zica kandi bakaba bahaye umuntu igihe cyo kubahiriza amabwiriza bahawe mu buryo bwemewe n'amategeko iyo igihe, umutekano ndetse n'imiterere y'ikibazo bibemerera.

27. Igihe bishoboka, abapolisi bagomba kuburira umuntu mu magambo no kurasa isasu riburira mbere yo gukoresha imbaraga zica.

28. Ibihano cyangwa ibyemezo bifatirwa imfungwa kubera imyitwarire idahwitse ntibigomba na rimwe gutangwa mu buryo bw'iyicarubozo, bw'ubugome, butari ubwa kimuntu cyangwa butesha agaciro. Imbaraga ntizigomba na rimwe gukoreshwa hagamijwe guhana. Ibikorwa bikurikira birabujije ndetse bishobora gufatwa nk'iyicarubozo, ubugome cyangwa gufata umuntu mu buryo bumutesha agaciro:

- a. gushyira imfungwa mu cyumba kijimye cyangwa gihora gicanewe amatara;
- b. ibihano bibabaza umubiri;
- c. kugabanyiriza imfungwa ifunguro cyangwa amazi yo kunywa;
- d. guha abantu ibihano mu kivunge;
- e. gukoresha iminyururu, ibyuma cyangwa ibindi bikoresho bikoreshwa mu kuba umuntu gukoresha imbaraga ze z'umubiri uko abishaka bitesha agaciro cyangwa bibabaza umubiri.

29. Mu gihe imvururu z'urugomo rwo ku rwego rwo hejuru zibereye ahafungirwa abantu, hagomba gushyirwa imbere uburyo bwo kugabanya ubukana bw'ikibazo no gutandukanya imfungwa zishoye mu mvururu n'izitazishoyemo. Ubuyobozi

bugomba gukora uko bushoboye mu kugabanya umubare w'abantu batakaza ubuzima, inkomere cyangwa ibyangirika kandi imbunda zigakoreshwa gusa mu kwirinda ibyo byago.

30. Kubuza umuntu gukoresha imbaraga ze z'umubiri uko abishaka.

Kubuza umuntu gukoresha imbaraga ze z'umubiri uko abishakabigomba kugendera ku mahame akurikira:

- a. igihe imfungwa ziva ahantu zijya ahandi zikoreshwaho uburyo buzibuza gukoresha imbaraga z'umubiri uko zibishaka;
- b. ibikoresho bibuza umuntu gukoresha imbaraga ze z'umubiri uko abishaka bigomba gukoreshwa gusa igahe nta bundi buryo bworoheje bwo kugenzura umuntu mu gihe atabujijwe gukoresha imbaraga ze z'umubiri;
- c. ibikoresho bibuza umuntu gukoresha imbaraga ze z'umubiri uko abishaka bigomba gukoreshwa gusa nk'uburyo bwo gukumira itoroka igahe imfungwa zivanwa ahantu zijyanwa ahandi, ku mpamvu zishingiye ku buzima, iyo bisabwe n'umuganga cyangwa mu kurinda umufungwa kwikomeretsa, gukomeretsa abandi cyangwa kwangiza ibintu;
- d. kubuza umuntu gukoresha imbaraga ze z'umubiri uko abishaka bigomba gukorwa mu gihe gito cyane gishoboka kugira ngo hagerwe ku myitwarire ikwiye;
- e. uburyo bwo kubuza imfungwa gukoresha imbaraga z'umubiri uko zibishaka bugomba kuba uburyo bubangamira umuntu byoroheje bishoboka, buri ngombwa kandi bwumvikana mu kugenzura ubwinyagamburiro bw'ifungwa, hagendewe ku rwego n'imiterere y'ibago ashobora guteza;
- f. ibikoresho bibuza umuntu gukoresha imbaraga ze z'umubiri uko abishaka ntibigomba gukoreshwa mu ijosi cyangwa mu maso h'ifungwa, cyangwa mu buryo ubwo ari bwo bwose bubuza amaraso kugenda cyangwa bugafunga imyanya y'ubuhumekero y'ifungwa (urugero: umunwa, izuru, ijosi, umuhogo);
- g. ibikoresho bibuza umuntu gukoresha imbaraga ze z'umubiri uko abishaka bigomba gukoreshwa gusa mu gihe bisabwa, kandi bigomba gukurwaho byihuse igahe cyose impungenge ziterwa no kuba atabujijwe gukoresha imbaraga ze z'umubiri uko abishaka zitakiriho;
- h. gukoresha amapingu igahe imfungwa zivanwa ahantu zijyanwa ahandi biremewe mu gukumira gutoroka ariko agomba gukurwa ku mfungwa igahe iri imbere y'urwego rw'ubutabera cyangwa rw'ubuyobozi, uretse igahe iyo mfungwa yaba ishobora guteza ingorane zikomeye igahe yaba itabujijwe gukoresha imbaraga ze z'umubiri uko ibishaka.

31. Kubuza abagore batwite gukoresha imbaraga z'umubiri uko babishaka.

Umugore utwite cyangwa umugore uri mu bihe byo gukira nyuma yo kwibaruka, ntagomba kubuzwa gukoresha imbaraga z'umubiri uko ashaka keretse mu bihe bidasanzwe. Ibi ni mu gihe:

- a. byasabwe n'umuganga ku mpamvu z'ubuzima;
 - b. hari impamvu zizewe kandi zikomeye zituma habaho gutekereza ko ufunzwe ashobora kwigirira nabi cyangwa kugirira nabi abandi bantu;
 - c. hari impamvu zumvikana zituma hatekerezwa ko imfungwa yahita itoroka, bikaba bitakwirindwa mubundi buryo.
32. Uko kubuzako imfungwa z'abagore batwite zibuzwa gukoresha imbaraga z'umubiri uko zishatse bireba abagore bose bafunzwe, haba mu gihe bakuwe ahantu bajyanwa ahandi, bari aho bafungiwe cyangwa mw'ivuriro hanze y'aho bafungiye.
33. **Guhabwa ubuvazi mu gihe hakoreshejwe imbaraga.** Igihe imfungwa yinjiye ahafungirwa abantu igaragaza ibikomere (byaba byatewe cyangwa bitatewe no gufatwa), itaka uburwayi cyangwa ububabare, itakaje ubwenge cyangwa igaragaza uburwayi bwo mu mutwe, umupolisi ushinzwe ahafungirwa abantu agomba gukora ku buryo yitabwaho akorerwa ubuvazi vuba bishoboka. Uko ubuzima bw'ifungwa buhagaze bigomba kwandikwa igahe cyose hari ikigaragaye.
34. Igihe habaye ikibazo cy'ifungwa ikeneye ubufasha bwihariye, ni ukuvuga imfungwa zifite ubumuga bw'ingingo, ubushingiye ku bwenge, cyangwa ubwo yavukanye n'ifungwa zifite uburwayi bwo mu mutwe bushobora kugira ingaruka ku bushobozi bwo gusobanukirwa ibintu; abaganga cyangwa abashinzwe ubuzima bwo mu mutwe bagomba kugishwa inama mbere yo gukoresha imbaraga, uretse igahe gutegerezwa ubwo bufasha byabangamira iyubahirizwa ry'amategeko.

IKORESHWA RY'IMBARAGA MU KUGENZURA IMBAGA Y'abantu

35. Buri wese afite uburenganzira bwo kwitabira amakoraniro yemewe n'amategeko kandi akorwa mu mahoro, yubahirije amahame akubiye mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Abapolisi batatanya amakoraniro anyuranyije n'amategeko.
36. Mu gutatanya amakoraniro anyuranyije n'amategeko ariko atarimourugomo, abapolisi bagomba kwirinda gukoresha imbaraga, igahe bidashoboka bagakoresha izo mbaraga ku rugero ruto rukenewe.
37. Abapolisi bashishikarizwa aho bishoboka gukoresha uburyo bwo gukumira amakimbirane, kunga abantu cyangwa ubundi buryo bushobora guhosha intonganya mu gukemura amakimbirane.
38. Igihe hari ibyatambitswe mu nzira mu gihe cy'emyigaragambyo cyangwa amakoraniro y'abantu, hagomba kugeragezwa gukora ibiganiro na bo cyangwa guhosha imvururu mbere yo gushaka gukuraho ibyatambitswe mu nzira cyangwa za bariyeri.

39. Mu gutatanya abakoze amakoraniro arimo urugomo, imbunda zishobora gukoreshwa gusa nk'uburyo bwa nyuma, igihe ubundi buryo budashoboka bitewe n'uko byifashe, igihe zikenewe mu rwego rwo kwirwanaho cyangwa kurwana ku bandi, mu kwirinda ingorane zishobora gutera urupfu cyangwa gukomereka bikomeye.

40. Intwaro zica cyangwa izitica, aho amategeko yemera ikoreshwa ryazo, ntizigomba kuraswa mu kivunge mu buryo budatoranya, ahubwo zigomba gutungwa by'umwihariko ku bantu bishoye mu mvururu, kandi igihe gusa ubundi buryo bwananiwe guhagarika imvururu. Intwaro nk'izo zigomba gutungwa neza ku gice cy'umubiri cyo hasi kugira ngo hagabanywe ibyago byo gukomeretsa bikomeye.

41. Ibikoresho bigira ingaruka zidatoranya kandi bishobora kwangiza cyane, nk'ibyuka biryana mu maso n'imodoka zimisha amazi mu bantu, bishobora gukoreshwa gusa hagamijwe gutatanya abari mu mvururu, kandi igihe gusa ubundi buryo bwose bwananiwe guhosha imvururu.

42. Abapolisi bagomba gufata ibyemezo bikwiye bitewe n'uko ibintu byifashe, mbere no mu gihe cyo gukoresha imbaraga izo ari zo zose, kugira ngo hirindwe ingaruka zitari ngombwa zagera ku bantu bitambukira, inzirakarengane, abafashweho iminyago cyangwa abandi basivili babirimo, kimwe n'abandi bapolisi ndetse n'abashinzwe ubutabazi.

43. Mu gihe cy'amakoraniro y'abantu yateguwe, hagomba gukorwa ku buryo abatanga ubufasha mu by'ubuvuzi baba bari hafi.

44. Abapolisi bagomba kuba bitwaje indangururamajwi kugira ngo babone uko baha amabwiriza abantu bari mu makoraniro. Imbuzi zumvikana neza mu mvugo zigomba gutangwa mbere yo gukoresha ibinyabutabire biryana ndetse n'abari mu mvururu bagomba guhabwa igihe gihagije cyo kuva aho bari, uretse igihe gutinda bishobora guhita bitera urupfu cyangwa gukomereka bikomeye ku mupolisi cyangwa undi muntu, cyangwa igihe gutanga imbuzi nk'iyo bidashoboka muri ibyo bihe.

45. Igihe bishoboka kandi kubikora bikaba bitakongererera ibyago abapolisi cyangwa abandi bantu, abapolisi bagomba kuburira abantu mu magambo mbere yo gukoresha imbaraga.

46. Ibikorwa bikurikira birabujijwe ku bapolisi ahari amakoraniro y'abantu:

- a. kurasa ku muntu amasasu y'ibinyabutabire biryana;
- b. ikoreshwa ry'imbunda zirasa amasasu y'urufaya;
- c. kurasa amasasu nyayo mu cyerekezo cy'ahari amakoraniro y'abantu;

- d. gufata abantu mu buryo budatoranya (buri wese mu bafashwe adafite icyaha yakoze);
- e. gusembura abari mu makoraniro;
- f. gukoresha imbaraga ku bafatiwe mu mutego.

UBWIRINZI N'UMUTEKANO BY'ABAPOLISI BARI MU KAZI

47. Mu gikorwa cyose gikoreshwamo imbaraga, ubwirinzi n'umutekano by'abapolisi bihabwa agaciro gakomeye.

48. Uburenganzira bwo kwirwanaho ku bapolisi buremewe ku buryo busesuye mu bihe ibyo ari byo byose. Nta kintu na kimwe kiri muri aya mabwiriza ngengamikorere kibuza umupolisi gukoresha intwaro zitemewe, intwaro yose abonye hafi, cyangwa ikindi gikoresho cyakwifashishwa nk'intwaro y'ubwirinzi mu gihe ibikorwa by'umunyarugomo bishobora gutuma habaho gukomereka cyangwa urupfu kandi gukoresha icyo gikoresho bikaba bikwiye, biri mu rugero kandi ari ngombwa.

49. Abapolisi bakoresha imbaraga kenshi mu gufata umuntu no kubungabunga umutekano wa rubanda. Nta kivuga ko ukekwaho icyaha yemererwa kuba uwa mbere mu gukoresha imbaraga kuko byamworohereza mu guhangana.

50. Nta na kimwe muri aya mabwiriza ngengamikorere kigomba kumvikana nk'aho umupolisi asabwa kwishora mu mirwano imbokoboko (n'ingorane zose ziyana na byo) mbere yo kwitabaza ikoreshwa ry'imbaraga zatuma umuntu afatwa mu buryo bwhuse, bwa kimuntu kandi butekanye.

51. Abapolisi bagomba gukoresha imbaraga zikwiye kandi ntibagomba gusubira inyuma cyangwa kureka gukora icyo bagendereye igihe gukoresha imbaraga biri ngombwa mu gufata umuntu, kwirinda kuba yacika, gutuma yemera gufatwa cyangwa kuganza amahane ye.

INSHINGANO Z'ABAPOLISI NYUMA Y'IKORESHWA RY'IMBARAGA

52. **Inshingano z'umupolisi wagize uruhare mu ikoreshwa ry'imbaraga.** Umupolisi wagize uruhare mw'ikoreshwa ry'imbaraga zica cyangwa zitica afite inshingano zikurikira:

- a. gusabira cyangwa gutanga ubatabazi bw'ibanze igihe bishobora gukorwa mu mutekano;

- b. guhita ahamagaza abaganga igihe habayeho gukomereka;
 - c. kumenyesha umuyobozi umukuriye;
 - d. gutanga ubusobanuro burambuye ku ngamba zafashwe n'amakuru arambuye ku gikorwa cyo gukoresha imbaraga kugira ngo bishyirwe muri dosiye;
 - e. kugarura umutekano aho igikorwa cyo gukoresha imbarga cyabereye no gusaba imbaraga z'ubufasha zihagije kuri bagenzi be igihe ari ngombwa;
 - f. kuguma ahabereye ikoreshwa ry'imbaraga (uretse igihe yaba yakomeretse) kugeza igihe abaje kumufasha bamugezeho.
53. **Inshingano z'umukuriye.** Umukuriye agomba:
- a. guhita agira icyo akora ku bikorwa by'urugomo mu gihe bibaye, binyuze mu mucyo kandi mu buryo buboneye, mu rwego rwo kwirinda ko byaba umuco bikaba byagorana guhindura;
 - b. gufatanezamucyubahiro abagizwehoingarukan'icyahan'nabahohotewe n'abashinzwe iyubahirizwa ry'amategeko;
 - c. kubaza abatangabuhamya bose babonye ibyabaye harimo n'abatangabuhamya b'abapolisi;
 - d. kunganira no gufasha iperereza n'igenzura byemewe n'amategeko;
 - e. kumenyesha inzego z'ubuyobozi zimukuriye;
 - f. kugarura umutekano no kurinda ahabereyeicyaha;
 - g. Gukoresha inyandiko mvugo uwagize uruhare mw'ikoreshwa ry'imbaraga;
 - h. gukora ku buryo abavandimwe n'inshuti za hafi z'uwakomeretse bamenyeshwa vuba bishoboka;
 - i. gukora isuzuma ry'igikorwa cyakoreshejwemo imbaraga;
 - j. gutanga ubufasha n'inama mu bijyanye n'ihungabana ku mupolisi wagize uruhare mw'ikoreshwa ry'imbaraga;
 - k. guhosha ubukana bw'ikibazo mu baturage.

KUBAZWA INSHINGANO Z'UBUYOBOZI

54. Mu bijyanye no gukoresha imbaraga n'imbunda, umuyobozi afite inshingano rusange zikurikira:
- a. gushyiraho uburyo bwo gukurikiranira hafi abapolisi, kubahugura no kubagira inama;
 - b. kugaragaza ibibazo bishingiye ku mitekerereze n'imibanire by'abapolisi bishobora kugira ingaruka ku mitekerereze n'ubuzima bwabo bwo mu mutwe;
 - c. gukora ku buryo ibikorwa bya Polisi (operasiyo) bitegurwa neza;
 - d. guha amabwiriza abapolisi abayobora mbere yo gutangira igikorwa bahawe gukora.

55. Ibikorwa byose bisaba gukoresha imbaraga bigomba gutegurwa mu buryo bukwiye kandi bwitondewe, kugira ngo hirindwe uko bishoboboka kose gufata ibyemezo bitunguranye byatuma habaho gukoresha imbaraga zica.

56. Gahunda z'ibikorwa bya Polisi zigomba kwandikwa igihe bishoboka kandi zikagaragaza mu buryo bwumvikana icyo abapolisi bakora iyo bahuye n'ibikorwa byitezwe kuba. Ibikorwa bya Polisi bigomba gutegurwa kandi bikagenzurwa, kugira ngo hagabanywe bishoboka ikoreshwa ry'imbaraga cyangwa se imbaraga zishobora kwica.

57. Ibikorwa bya Polisi bigomba:

- a. kugira intego ikurikije amategeko;
- b. kuba bikurikije amategeko ubwabyo;
- c. kuba biri ku rugero rw'ikigenderewe;
- d. kuba bifite impamvu yemewe;
- e. kuba biri ku rugero ruto mu kuvogera cyangwa guhungabanya uburenganzira bw'abantu.

58. Umuyobozi yirengera ibi bikurikira:

- a. imitegurire mibi y'igikorwa;
- b. guha abapolisi amabwiriza adasobanutse neza, ayobya cyangwa adakurikije amategeko;
- c. kudatanga amabwiriza mbere yo kohereza abapolisi mu kazi;
- d. kutayobora no kutagenzura igikorwa cya Polisi afata ingamba zose za ngombwa kugira ngo abapolisi badahura n'ingorane zitari ngombwa zituma bagwa mu bushyamirane bukomeye;
- e. kutagenzura mu buryo buboneye impamvu mbonezamubano na mbonezamitekerereze zishobora gutera abapolisi gukoresha imbaraga;
- f. Kudafata ibyemezo byose biri mu bubasha bwe mu gutahura, gukumira, kuburizamo cyangwa gukora imenyekanisha kw'ikoreshwa ry'imbaraga mu gihe azi, cyangwa yagombaga kumenya, iyo akora akazi ke uko bikwiye, ko abapolisi ashinzwe kuyobora, barimo gukoresha, bashobora gukororesha cyangwa bakoresheje imbaraga mu buryo bunyuranyije n'amategeko;
- g. Kubangamira cyangwa kuyobya iperereza ry'inzego z'ubutabera cyangwa urwego rwa polisi rushinzwe igenzura ry'ahakoreshejwe imbaraga.

59. Gukurikiza amabwiriza yatanzwe n'abamukuriye ntibirengera umupolisi igihe yari azi neza ko ibwiriza ryo gukoresha imbaraga n'imbunda rishobora gutuma umuntu apfa cyangwa agakomerekwa bikomeye, ryatanzwe hadakurikijwe amategeko kandi akaba yari afite uburyo bwumvikana bwo kwanga kuryubahiriza. Uko byamera kose, abayobozi batanze amabwiriza anyuranyije n'amategeko nabo barabibazwa.

GUTANGA RAPORO KW'IKORESHWA RY'IMBARAGA, N'IPEREREZA RY'INZEGO ZA POLISI

60. **Gutanga raporo kw'ikoresheje ry'imbaraga.** Umupolisi wagize uruhare mw'ikoresheje ry'imbaraga zigatera urupfu cyangwa gukomereka cyangwa kurasa uko ari ko kose, agomba guhita abitangira raporo ku muyobozi we. Uyu na we akora raporo irambuye maze akayishyikiriza inzego z'ubuyobozi zimukuriye. Kopi ya raporo igomba koherezwa mu ishami rishinzwe iperereza kugira ngo hakorwe iperereza ry'inzego za Polisi.

61. **Iperereza ry'Inzego za Polisi.** Iperereza ry'inzego za Polisi rikorwa:

- a. igihe umupolisi yakoresheje imbaraga zica ku bw'impanuka cyangwa ku bushake, haba habayeho cyangwa hatabayeho urupfu cyangwa gukomereka;
- b. iyo habaye kurashisha imbunda ku bushake;
- c. iyo habaye gukomeretsa bikomeye cyangwa kwica umuntu biturutse ku mbaraga zakoreshejwe n'umupolisi;
- d. iyo hari ikirego cyatanzwe n'umuturage aregera kuba umupolisi yakoresheje imbaraga z'umurengera bikaviramo umuntu gukomereka.

62. Iperereza ry'inzego za Polisi rigomba:

- a. kugaragaza ibimenyetso by'ibyabaye;
- b. gukora ku buryo imiyitwarire ihanirwa kandi idakwiye igaragazwa;
- c. gusuzuma niba harabaye kunyuranya n'amabwiriza, imirongo ngenderwaho n'uburyo bw'imikorere;
- d. kugaragaza no gukosora imikorere itari iya kinyamwuga, igihe biri ngombwa;
- e. gutangiza ikurikiranwa ry'amakosa iyo habayeho gukoresha imbaraga bidakwiriye.

63. Iperereza rya Polisi rigomba kuba ryigenga, ridashingiye ku marangamutima kandi ritabogama. Raporu y'ubuyobozi igomba gushyikirizwa Umuyobozi wa Polisi mu gihe cy'iminsi itanu.

64. Mu bikorwaho iperereza hagomba kubamo ibintu byose bigaragaza uko urupfu cyangwa gukomereka byagenze, by'umwihariko ibikorwa byabaye mbere y'uko ikoreshwa ry'imbaraga riba, mu gihe ryabaga na nyuma yaho. Ibi birimo: inyandiko igaragaza uko ibikorwa bya Polisi byari biteguye, amabwiriza yatanzwe y'umuyobozi, uburyo bwari buriho bwo kuyobora no kugenzura abapolisi, no kubaza abapolisi bose bireba.



65. Kugira ngo hemezwe niba gukoresha imbaraga k'umupolisi kwari gufite ishingiro mu gihe hababye ikoreshwa ry'imbaraga, ni ngombwa kugenzura uko ibantu byagenze ubwo imbaraga zakoreshwaga.

66. Kugira ngo hagaragazwe ko ikoreshwa ry'imbaraga rishyize mu gaciro hashingirwa ku kuba umupolisi wese ushyira mu gaciro wari kuba ari aho byabereye ariko yari kubigenza kandi kubyemeza bigomba kutirengagiza ko inshuro nyinshi abapolisi basabwa gufata ibyemezo mu buryo bwiuse ku bijyanye n'imbaraga zikenewe iyo hari ikibazo runaka bahuye nacyo.

67. Mu bigize uko ibantu byagenze harimo gusuzuma uburyo kutumvira byakozwemo, impamvu zose zumvikana bigaragara ko zagize ingaruka ku byabaye n'amahitamo umupolisi yari afite y'uko yabyitwaramo.

68. **Gukorana n'inzezo z'ubutabera.** Iperereza ry'ubuyobozi ntirigomba kubangamira imigendekere y'iperereza ry'ubugenzacyaha rikorwa n'inzezo z'ubutabera zibifitiye ububasha. Abapolisi bagomba gukorana n'inzezo z'ubutabera kugira ngo iperereza rigende neza..

AMAHUGURWA KW'IKORESHWA RY'IMBARAGA

69. Mbere yo kwinjira muri polisi, ababyifuza bose bagomba kubanza gukorera igenzura rikwiye kugira ngo ababa barigeze kugira uruhare rwo guhungabanya uburenganzira bwa muntu cyangwa hari ibyaha bihanwa n'amategeko bakoze, ntibemererwe.

70. Ibigenderwaho mu guhitamo abantu bigomba kubamo ubudakemwa bw'uwifusa kuba umupolisi, imitekerereze ihamye n'ubushoboz bwo kwitwara uko bikwiye mu bihe bitoroshye.

71. Abapolisi bose bagomba guhabwa amahugurwa kw'ikoreshwa ry'imbaraga mbere yo gutangira akazi. Amahugurwa ku ikoreshwa ry'imbaraga agomba kuba kuri gahunda yamasomo yigishwa mu mashuri yose ya polisi kandi akaba akubiyemo aya amasomo akurikira:

- a. amategeko agenga ikoreshwa ry'imbaraga, imbunda n'imbaraga zica;
- b. indangagaciro, uburenganzira n'ubwisanzure byemerewe abaturage;
- c. uburyo bwo kugabanya ubukana bw'ikibazo, kugirana imishyikirano, no kunga abantu;
- d. gukoresha intwaro n'ibindi bikoresho bitica;
- e. kwirwanaho n'uburyo bwo gukoresha amaboko masa mu guhangana n'abantu bateye amahane;
- f. ihererekanyamakuru, uburyo bwo gusesengura ingaruka z'ikibazo,

- gufata ibyemezo no gukemura amakimbirane mu mahoro;
- g. amahugurwa y'ubutabazi bw'ibenze ku rwego rw'ibenze;
 - h. ikigero cy'ikoreshwa ry'imbaraga;
 - i. gusobanukirwa imihindagurikire y'imyitwarire y'imbaga y'abantu;
 - j. kurasa bidasaba umwanya wo gushakisha intego no kurasa intego mu buryo bwitonidewe.

72. Amahugurwa y'abapolisi agomba gushingira ku bintu bibaho, bibamenyereza ibihe n'ingorane bikomeye bashobora guhura na byo mu kazi kabo ka buri munsi. Amahugurwa nk'ayo agomba guhora agenzurwa ku bijyanye n'umusaruro atanga kugira ngo hizerwe ko Polisi y'u Rwanda ifite abapolisi b'abanyamwuga bujuje ibisabwa byo ku rwego rwo hejuru.

73. Amashuri agomba guhora avugurura amasomo atanga yibanda ku bibazo byabaye kandi amasomo yo kongera gukarishya ubumenyi bw'abapolisi agomba kuba ngarukamwaka kugira ngo abapolisi barusheho kwiyungura ubumenyi. Kuba abapolisi barakoze aya mahugurwa bigomba gushyirwa mu madosiye yabo.

URURIMI AMABWIRIZA YATEGUWEMO

74. Aya mabwiriza yateguwe mu cyongereza.

Bikorewe i Kigali, ku wa 14 Mutarama 2021.

Dan MUNYUZA

CG

Umuyobozi Mukuru wa Polisi



Rwanda National Police
P.O Box : 6304 Kigali
Tel : +250 788 311 155
Email : info@police.gov.rw
Twitter : @Rwandapolice

www.police.gov.rw

